

Ihame ry'icungamutungo mu Kwicisha bugufi



“Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza, Ariko ubyatura akabireka azababarirwa.” Imigani 28:13

Byandistwe na rwiyekezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Kwicisha bugufi ni ikimenyetso cyo gushaka gukura, ni ukutamara umwanya munini twitekerezaho nkuko tuyajya tubigenza, hamwe no guha agaciro ibyo abandi badufashije mu gutera imbere mu buzima. Ntabwo akenshi byoroshye guca bugufi ngo wemera, “ko wakoze ikosa” cyangwa ngo wemere ko wibeshye”. Twese dukunda guhora twumva ko turi mu kuri kuko bidutera kumva tumerewe neza kandi tukisanga. Bidutera kwikomera cyane. Uko twaba twifuzaga kumera kose, twese tugira amakosa. Kubaho ni ukwiga binyuze mu myitoto, tugomba rero kwitotoza guhangana nizi ngorane.

Iyo duhakanye amakosa yacu cg ibibi dukora, duhagarika ubukure n'iterambere mu buzima bwacu. Mu migani haravugaga ngo, aho ...”ntabwo tuzigera duhirwa.” Hari inzira nziza n'inzira mbi yo guhangana n'ikibazo cg ikosa. Ubutabera bwacu buravugaga, “ntuzemere cg ugire icyo uvugaga, kuko bishobora gukoreshwa mu kugushinja mu rukiko,” bityo ugasanga ahubwo bishishikariza abantu guhishira amafuti yacu maze bakabaho bafite ikinyanga kuko duhabanyaga nicyo umutimanama wacu udu-saba. Ibi rero ugasanga bisiga ikizinga ku mutima wacu maze ibi bintu bikurikira bigahora bidutera:

1. Ikiniga, cyizadutaha kugeza ubwo natwe ubwacu tuziyambura icyizere.

2. Kwikakanyaza, tukikomera cyane kuko tuba duhishiriyeye ukuri.

Ubu ntabwo aribwo buryo Imana yagennye ubuzima. Udushishikariza kuba inyangamugayo kandi tugakomera ku inshingano zacu. Ntabwo dushobora gukura cg kubabarirwa tutemeye intege nke zacu. Uburyo bwiza bwo gukura amafuti ni ukuyemera, ukayatura maze ukayamagana nkuko bivugwa mu migani. Ntabwo dushobora gutandukana n'amafuti kereka duciye bugufi maze tukabyatura. Ibi bivuze ko twemera ibikorwa byacu n'imyifatire.

Ubucamanza budusaba, “ntukemere icyo aricyo cyose basabe gihama!” bityo ugasanga bamwe icyaha ntikibafata kuko ibimenyetso byabuze. Ubu si uburyo bubonyeye mu buzima. Ubuzima bwiza buboneka iyo abantu bitoje kwicisha bugufi, kumenya ko igihe cyose dushobora kwibeshya. Tugomba kwemera ukuri kw'ibintu. Iyo dukoze ikosa tugira ikinyanga n'umutwari, kabone nubwo ibimenyetso bitaboneka. Ikiniga cyibera mu mutima, nubwo rwose itegeko ritabihama. Abagira ubwibone ntabwo bajya bumvira ukuri, ahubwo bagashyira imbere inyungu zabo gusa. Ariko umuntu wicisha bugufi we azishimira ibyo abandi bagezeho kandi agatera ingabo mu bitugu. Abantu bahiriwe mu buzima usanga batera abandi umwete aho kugenda bitaka uburyo bakomeye.

Hari inyungu eshatu zikomeye zigaragaza zikomoka mu kwicisha bugufi no kwitotoza yu mucu mwiza:

1. Tuzagira amahoro muri twe kuko ntabwo tuzaba duhishirira
2. Tuzaba dufite amahoro hagati yacu n'abandi kuko tuzajya tureba ibyiza biri ku bandi aho kwihugiraho gusa tuvugaga ibyacu.
3. Tuzagira ineza iturutse ku mana hamwe n'abandi kuko ducisha mu kuri kandi ntabwo dutinya abatunenga. Kandi tuzamenya igihe cyo kwiburana aho cg kuburanya.

Kwicisha bugufi ni imwe mu mitungo igirwa n'umuntu. Iyo uyitakaje uba uatakaje icyo uri cyo. Biba bimeze nk' amavuta ari mw' imashani. Araramba, atemba buhoro, kandi akazi kagakorwa. Akora kazi kayo neza akarinda urusaku.

Rimwe na rimwe ni byiza ko twakwicecekerana nubwo badufata nk' abanyamafuti, dore niyo twerekanye ukuri kwacu aho kwisobanura. Rimwe na rimwe biba byiza guceceka maze tukareka ko igihe cyabigaragaza.

Ndashyirahamwe neza ko ubucamanza bwacu bwashyirahamwe kuturinda no kurengera abere, aha ariko tugomba kubonyerera naho ubundi twakwikanga twahaye ubucamanza isura yo gukiranuka, twirengagije itegeko rikuru ry'Imana. Ikiniga ntigishobora kuvanwa mu muntu atabanje kwicisha bugufi, kwemera, kwatura no kucyama-gana. Nkuko mu migani habivugaga, itegeko ry'Imana ryonyine niryoye ryakuraho icyaha maze rishyirahamwe umuryango uboneye, cg umurimo. Itoze kwicisha bugufi, bizaguhira

Iri ihame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Ntabwo uzashobora gukora neza byose mu buzima, ariko kwicisha bugufi bifasha abantu gutekereza icyo gukora.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed